B2. Patrimoine Culturel
"Umurage Gakondo"

1996

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
MINISITERI Y'AMASHURI MAKURU
UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA
N'UMUCO
**B.P. 624 KIGALI**.

**RAPORO Y'IMIRIMO YAKOZWE N'AGASHAMI "UMURAGE GAKONDO" KUVA MURI MUTARAMA KUGEZA MURI KAMENA 1996.**

N'ubwo abakozi ari bake mu gashami "Umurage gakondo", twihatiye gukora ibyo dushinzwe n'umurava mwinshi kandi mu gihe gikwiye.

**IMIRIMO YAKOZWE**.

1. **Dosiye (dossiers) zisanzwe**.

Ni amadosiye yerekeye cyane cyane :

- kwohererezanya inzandiko (correspondances) n'ibigo bishinzwe umuco n'umurage gakondo mu gihugu :
  - inzu ndanga murage y'u Rwanda
  - ibigo ndanga-muco.
- Kwohererezanya no gusubiza inzandiko n'ibigo by'umuco ndanga murage byo mu bihugu by'amahanga :
  - CICBA : Centre des Civilisations Bantu
  - ICOM : Conseil International des Musées.

2. **Icyumweru cy'icyunamo n'umunsi wa 07/Mata/1996.**

Itegurwa ryubahiriza umunsi wa 07 Mata 1996 n'icyumweru cy'icyunamo mu kwibuka abazize itsembabwoko n'itsembatsemba mu Rwanda n'inshingano za Minisiteri y'Amashuri Makuru, Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Umuco. Ni muri urwo rwego iyo mirimo ishinzwe cyane cyane diviziyo "umurage gakondo".

Imihango yo kwibuka ku nshuro ya kabiri abazize itsembabwoko n'itsembatsemba yabereye i Murambi, Komini NYAMAGABE, Perefegitura GIKONGORO. Muri iyo mihango yari yahuje abanyarwanda benshi, yari yateranyije abanyacyubahiro bakuru b'igihugu cyacu bari baje gufatanya n'abaturage mu kwibuka inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba. Muri iyo mihango hari n'abashyitsi bari baturutse mu bihugu by'inshuti nk'u Burundi, Uganda, Zambiya n'ibindi.

Iyo mihango yaranzwe :

- n'ijambo ry'abacitse ku icumu baho i Murambi : Bwana NTETE Filipo n'umwana w'umukobwa witwa Françoise MUSHIMIYIMANA
- gushyingura mu cyubahiro imirambo y'abantu mu mva rusange
- gusura ibyumba birimo imirambo
- ijambo rijyanye n'uwo munsi rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Icyo twavuga kandi n'uko iyo tariki ya 7 Mata 1996 yari yarateguwe n'icyumweru cy'icyunamo cyatangiye tariki ya 2 Mata 1996.

Icyo cyumweru cy'icyunamo cyaranzwe n'ibiganiro mbwirwaruhame byaberaga mu nzu ndanga muco y'abafaransa n'abanyarwanda. Ibyo biganiro byatanzwe na :

1. Tariki ya 2 Mata : NGABIRAME Agusitini: yatanze ikiganiro ku ruhare rw'uburezi mw'itsembabwoko n'itsembatsemba.

2. Tariki ya 3 Mata : - Padiri RUTAZIBWA Privat: yavuze ku ruhare rw'amadini mw'itsembwoko n'itsembatsemba.
   - KAGABO José: yavuze kuruhare rw'amaradiyo n'ibinyamakuru mw'itsembabwoko n'itsembatsemba.

3. Tariki ya 4 Mata : DUSAYIDI Claude: yavuze ku ruhare rw'amahanga mw'itsembabwoko n'itsembatsemba.

4. Tariki ya 5 Mata : Umukuru w'ingabo z'u Rwanda, Coloneli SAM KAKA, yerekanye ko A.P.R. yarokoye abenegihugu mu itsembabwoko n'itsembatsemba.

### 3. <u>Kwitabira amanama ajyanye n'umuco</u>.

Umukozi wo mu gashami "umurage gakondo" yaserukiye Minisiteri mu nama yari yahuje urubyiruko rwo mu bihugu bituriye ibiyaga bigari ari byo : u Rwanda, u Burundi, Zayire, Uganda, Tanzaniya, yabereye muri Centre Christus i Remera kuva ku itariki 24-27 Werurwe 1996.

Umukozi wo mu gashami "Umurage gakondo" yakurikiye amahugurwa yabereye ku Kabusunzu (14-20 Mata 1996) i Murambi muri Gitarama (15-18 Gicurasi 1996) ku byerekeye gucengeza umuco w'amahoro mu mashuri abanza.

Twitabiriye inama yigisha gukora imishinga dutewe inkunga n'Abanyakanada (kuva tariki ya 13 kugeza ku ya 15 Gicurasi 1996).

### 4. <u>Gusoma ibitabo byimirije gusohoka</u>.

- Agashami "ndanga muco" karimo gukora iriburiro ry'ibitabo bibiri mfasha nyigisho mu mashuri abanza byoherejwe na UNICEF. Ibyo bitabo by'ingenzi byafashije abakangurambaga ba barimu bo mu mashuri abanza mu mahugurwa bagiriye :
- mu kigo Iwacu ku Kabusunzu kuva tariki ya 14 kugeza ku ya 20 Mata 1996.
- mu kigo gihugura abakozi kiri i Murambi (Gitarama) kuva tariki ya 15 kugeza ku ya 18 Gicurasi 1996.

Ibyo bitabo ni : - Turerere u Rwanda rw'amahoro (igitabo cy'umwarimu)
- Hobe.

- Ikindi gitabo diviziyo irimo gusoma kugirango irebe niba gikwiye gusohoka mu icapiro ry'ibitabo, n'igitabo cy'ikinamico cy'umwana witwa Muteteri Jeanne.

**5. Gukora imishinga.**

a) Umushinga urimo gukorwa.

- Kwibuka inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba (Mémorial du génocide et des massacres politiques). Hariko haraтegurwa itegeko rizagenga inzibutso.

b) Imishinga yimirije gukorwa vuba.

- Kwandika amateka nyakuri y'u Rwanda (réecriture de l'histoire du Rwanda).
- Kubaka urwibutso ahiciwe inzirakarengane (construire et/ou protéger des édifices mémoriaux).